**Politiki yo Kurinda Abana n'Urubyiruko**

**Inkomoko**

Women Deliver [1]ni umuryango uharanira uburinganire bw'umugore n'umugabo, uburenganzira n'ubuzima bw'abakobwa n'abagore ku isi hose, kandi wemera ko abantu bose bagomba kugira uburenganzira, umudendezo, icyubahiro, ubwigenge n'imibereho myiza. Women Deliver ivuganira uruhare rufatika rw'urubyiruko nk'abafatanyabikorwa n'abagira uruhare mu igenamigambi rya porogaramu n'ingamba, ubukangurambaga, gahunda z'ubuvugizi no gufata ibyemezo. Ikintu cy'ingenzi muri ubu buryo ni uguhindura uburyo bwo gutekereza n'ingamba zo gushyira mu bikorwa porogaramu *zigenewe* urubyiruko kugira ngo bihe imbaraga amajwi yabo no gukorana *n'*urubyiruko mu gushyigikira ibikorwa byabo by'ubuvugizi bukorerwa abakobwa, urubyiruko n'abagore, uko bameze kose. Muri ako kazi kose, Women Deliver yiyemeje kugabanya ibyago by'ihohoterwa, ubugizi bwa nabi, gushakirwaho inyungu, n'ubundi bwoko bw'ibibi urubyiruko rushobora kuba rwahura na byo mu gihe bakora ubushakashatsi, ubuvugizi, gushyira mu bikorwa no gukusanya inkunga hamwe n'abandi bakora muri iki gice. Women Deliver isobanukiwe ko ifite inshingano yo gushyiraho no gushyira mu bikorwa politiki zirengera ubuzima, umutekano n'imibereho myiza by'abana n'urubyiruko. Byongeye kandi, Women Deliver yemera ko abantu bakuru bari mu myanya y'ubuyobozi kandi bizewe n'abana n'urubyiruko bagomba kurangwa n'ubudahemuka, ubushishozi n'umwete wo kugabanya ibyago.

Mu rwego rwo gushyigikira no gushyira mu bikorwa ibyo biyemeje, Women Deliver ikomeza gushyiraho politiki yo kurinda imikoranire hagati y'abakozi ba Women Deliver, abajyanama, abakorerabushake n'abafatanyabikorwa ( "Abafatanyabikorwa" ) n'abana n'urubyiruko. Iyi politiki ihuza n'Ingingo ya 19 y'**Amasezerano** **y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana** , yemeza ko abana bafite uburenganzira bwo kurindwa "ubwoko bwose bw'ihohoterwa ryo ku mubiri cyangwa mu mutwe, gukomeretswa cyangwa ubugizi bwa nabi, kwirengagizwa cyangwa kugirirwa nabi, guhohoterwa cyangwa gukoreshwa mu nyungu z'undi, harimo n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina". Nanone kandi, igaragaza ko buri muntu afite uburenganzira ku buringanire, icyubahiro n'umutekano nk'uko bigaragazwa mu **Masezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu.** .

**Itangazo kuri Politiki**

Women Deliver ntiyihanganira ihohoterwa rikorerwa abana rishingiye ku mubiri, ku byiyumvo, ku gitsina n'ubugizi bwa nabi bikorewe kuri murandasi, gukoreshwa mu nyungu z'undi, kwirengagizwa, cyangwa kubakorera urugomo (umuntu uwo ari we wese uri munsi y'imyaka 18) cyangwa urubyiruko (umuntu uwo ari we wese uri hagati y'imyaka 18-29) muri porogaramu za Women Deliver (reba ibisobanuro)

Women Deliver ifite intego yo gukumira ubugizi bwa nabi bwose, gukoreshwa mu nyungu z'undi, kugirira nabi, cyangwa kwirengagizwa binyuze mu gushyira uburinzi muri porogaramu zayo no gukoresha uburyo bwa "WIGIRA NABI" (nkuko bisobanurwa mu Itangazo ry'Amahame). Ibyabaye byose bishobora kuba ari ukurenga kuri aya Mabwiriza bigomba guhita bitangarizwa Umuntu Ubishinzwe

---

[1]Women Deliver ni umuryango udaharanira inyungu ufite icyicaro muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika 501(c)(3). Politiki yo Kurinda Abana n'Urubyiruko
Itariki Byemerejweho/Byatangiye Gushyirwa mu Bikorwa: 1 Kamena,2019; Byavuguruwe muri Ugushyingo 2022.

nk'uko biteganywa n’Amabwiriza agenga Ishyirwa mu Bikorwa ry'Amahame ya Women Deliver yo Kurinda Abana n'Urubyiruko ugomba kubazwa raporo zose, cyangwa undi wese mu Bafatanyabikorwa ba Women Deliver wumva ntacyo bimutwaye kubikurikirana kandi utari mu bagize uruhare muri icyo kibazo. Mu gushakira ibisubizo bene izo raporo, Women Deliver izagira icyo ikora kugira ngo yite ku mutekano w'ako kanya w'umwana cyangwa w'urubyiruko, kandi imufashe kubona ibikoresho bihari ashobora kuba akeneye. Icyo gihe Women Deliver izagira icyo ikora kugira ngo itange igisubizo kuri raporo uko bikwiye bitewe n'uburemere bw'iyo raporo. Raporo zose z'ubugizi bwa nabi zizajya zikorwaho iperereza ryimbitse. Kutumvira aya mabwiriza ntibizihanganirwa kandi bishobora gutuma habaho ibihano, guhagarika akazi cyangwa imikoranire, ndetse hashobora kubaho no kujyanwa mu nkiko.

Iyi politiki ireba Abafatanyabikorwa ba Women Deliver, abana n'urubyiruko, nk'uko bisobanurwa hasi aha.

**Itangazo ku Mahame**

Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Politiki riyoborwa n'amahame akurikira:

- Kumenya neza ko ubuzima n'imibereho myiza y'abana n'urubyiruko biri mu by'ibanze by'iyi Politiki kandi ni ihame rikomeye cyane rituma iyo Politiki ishyirwa mu bikorwa. Ibi bikubiyemo kubungabunga ibanga ry'umwirondoro w'umwana (abana) na/cyangwa urubyiruko uvugwa mu byabaye, kimwe n'uw'umubyeyi/umurezi we, uko bishoboka kose muri ibyo bihe.
- "Wigira Nabi" ni cyo gipimo cyo hejuru cyo kwiyemeza kwa Women Deliver ku rubyiruko bahura na rwo mu gihe cy'akazi ka Women Deliver. Ibi birimo, ariko ntibigarukira ku, kugira nabi bishobora guturuka muri porogaramu, ibirori cyangwa ibiganiro bifitanye isano na Women Deliver, mu bikorwa byo gukusanya amafaranga cyangwa ku mbuga nkoranyambaga, cyangwa mu nshingano z'ubujyanama.
- Abafatanyabikorwa ba Women Deliver bagomba kubaha abana n'urubyiruko, batitaye ku bwoko, imiterere y'ibitsina, ururimi, idini, ibitekerezo, ubwenegihugu, inkomoko, ubumuga, ubushobozi, icyiciro cy'imibereho, igitsina biyumvamo cyangwa indi mimerere. Bagomba kwitwara neza ku bana n'urubyiruko bagirana imishyikirano kandi bagakurikiza amategeko ajyanye no gukorana n'abana n'urubyiruko. Bagomba gusuzuma ibyago byo gukomeretswa mu gihe bifatanya cyangwa bakorana ibikorwa n'abana n'urubyiruko niba hari amahirwe y'uko umwana cyangwa urubyiruko ashobora kugiririrwa nabi cyangwa gushakirwaho inyungu binyuze mu kwifatanya n’Abafatanyabikorwa ba Women Deliver.
- Abantu bahura n'ibyago bitandukanye bishobora kubateza akaga, haba mu buryo bw'umubiri, mu bwenge no mu byiyumvo. Ibyo byago bishobora gutandukana bitewe n'imiterere y'umuntu, imimerere cyangwa izindi mpamvu. Iyo ibyo bintu bihuye, bishobora gutuma umwana cyangwa urubyiruko arushaho kugira ibyago byo gukomereka cyangwa akaga ko gukomereka. Uburyo Women Deliver ikoresha mu kurinda ubuzima bw'abantu bwemera imiterere itandukanye n'urwego rw'ibyago bituruka kuri ibyo bintu.
- Abana n'urubyiruko bakwiye guhabwa amahirwe akwiriye yo kugira uruhare muri politiki, ibikorwa n'ibyemezo bibakorwaho kandi biberekeyeho. Abafatanyabikorwa ba Women Deliver bagomba kugira uburyo bworoshye ku rubyiruko rukora ubuvugizi/babahagarariye kugira ngo bagaragaze impungenge zabo, kandi bagomba gutekereza cyane kandi, igihe bishoboka, bakagira icyo bakora kuri izo mpungenge. Women Deliver izajya ibwira abana n'urubyiruko

bakora muri porogaramu ziterwa inkunga na Women Deliver ko iyi Politiki iriho kandi yiteze ko bayubahiriza, mu buryo buhuje n'imyaka yabo. Gukora neza mu rwego rwo kurinda umutekano bisaba gushyira mu bikorwa ingamba zo kugabanya ibyago no gufata ingamba zihuse kandi zikarishye zo kurinda umwana cyangwa urubyiruko mu gihe habayeho impanuka cyangwa bivugwa ko yabayeho.
- Uburyo bwo kurinda bwa Women Deliver buri mu bice byose by'ibikorwa bya Women Deliver, porogaramu, imishinga, ibirori, itumanaho n'ubufatanye.

**Aho Bishyirwa mu Bikorwa**

Iyi politiki ireba Abantu bose bafite aho bahuriye na Women Deliver nk'uko bisobanurwa hano, mu bihugu byose aho Women Deliver ikorera, haba mu masaha asanzwe y'akazi cyangwa hanze yayo. N'ubwo Women Deliver izakora ibishoboka byose kugira ngo ifate ingamba zose zishoboka kandi igabanye ibyago, hari ibyo itagomba gukora mu gihe Women Deliver itagize uruhare rugaragara mu mikoranire cyangwa itagishobora kugenzura imikoranire. Nubwo Women Deliver idashobora kwiha inshingano mu bihe nk'ibyo, izatanga ubujyanama n'ibitekerezo nk'uko bikwiye mu rwego rwo kugabanya ibyago byo kugirirwa nabi no kongera umutekano.

**Ibisobanuro**

- **Ubugizi bwa nabi:** Ni imyitwarire iteza cyangwa ishobora guteza ikibazo ku buzima, imibereho myiza, kubaho, imikurire cyangwa icyubahiro cy'umwana cyangwa urubyiruko. Bikubiyemo gukora icyo ari cyo cyose cyangwa kudakora ikintu icyo ari cyo cyose gitera cyangwa gishobora guteza urupfu cyangwa kugirirwa nabi bikabije. Ibikorwa nk'ibyo bishobora kuba bigize ubugizi bwa nabi, byaba bigamije gukomeretsa umuntu cyangwa bitagamije kumukomeretsa. Ubugizi bwa nabi bushobora kuba bushingiye ku byiyumvo, ku mubiri, cyangwa ku gitsina:
    - **Ubugizi bwa nabi bushingiye ku bukungu:** igikorwa icyo ari cyo cyose kigamije kugenzura umutungo w'umwana cyangwa uw'urubyiruko, kugabanya ubushobozi bw'umwana cyangwa ubw’urubyiruko bwo kugira icyo akora ku mutungo we, cyangwa se gukoresha umwana cyangwa urubyiruko umushakiraho inyungu z'ubukungu.
    - **Ubugizi bwa nabi bushingiye ku byiyumvo:** Ibikorwa byangiza ubushobozi bw'umwana cyangwa urubyiruko mu by'imitekerereze n'ibyiyumvo. Hashobora kuba harimo kunnyuzura, guhoza ku nkeke, gutukana, gukoza isoni, kugenzura mu buryo budakwiriye cyangwa kunenga, gupfobya, gusebya, cyangwa gusuzugura, n'ibindi bikorwa ibyo ari byo byose byatuma umwana cyangwa urubyiruko yumva ari wenyine, acitse intege cyangwa afite isoni.
    - **Ubugizi bwa nabi bukorerwa kuri murandasi:** Ubwoko bw’ubugizi bwa nabi ubwo ari bwo bwose bukorwa binyuze kuri murandasi, hakubiyemo gukoresha mudasobwa, tabuleti na telefoni ngendanwa, kandi bukorerwa ahantu aho ari ho hose kuri murandasi, harimo imbuga nkoranyambaga, ubutumwa bugufi na apurikasiyo zohereza ubutumwa,imeyili, ubutumwa bwo kuri murandasi, imikino yo kuri murandasi cyangwa imbuga zo guhererekanya amakuru mu buryo bwa videwo. Ihohoterwa cyangwa ubugizi

bwa nabi bikorewe kuri murandasi ni igihe umuntu cyangwa itsinda ry'abantu rishyiraho imiterere y'urwango isebya, ipfobya, iteza ubwoba cyangwa icecekesha abantu.[2].

- **Ubugizi bwa nabi bushingiye ku mubiri:** Gukoresha imbaraga bikozwe n'umuntu uwo ari we wese ku gice icyo ari cyo cyose cy'umubiri, bigatuma umuntu asa n'ukomereka cyangwa n'ubabara cyangwa bikabaho (bishobora kuba bitagaragara). Ubugizi bwa nabi bwo ku mubiri bushobora kuba bukubiyemo kuzunguza umuntu, kumukubita ibipfunsi, kumuniga, kumuruma, kumutera imigeri, kumusunika kumutwita, kumuhirika, kumujugunya, kumuroga, cyangwa kumushyira mu mazi.
- **Ubugizi bwa nabi bushingiye ku gitsina:** Gukoresha nabi cyangwa kugerageza gukoresha nabi intege nke z'umuntu, ububasha umurusha, cyangwa kwizerwa ugamije kumusambanya. Ibi bikubiyemo gukoresha imbaraga, guhatira, cyangwa gushuka umwana cyangwa urubyiruko ngo bagire uruhare mu buryo ubwo ari bwo bwose bw'ibikorwa by'imibonano mpuzabitsina, nko kwinjiza igitsina, gufata ku ngufu, gushyira igitsina mu kanwa, gukora ku muntu mu buryo buteye isoni cyangwa kumwambura ubusa, gukoresha imvugo ishushanya imibonano mpuzabitsina cyangwa irimo ubushotoranyi ku mwana cyangwa urubyiruko, kwiyegereza cyangwa kwishora mu myitwarire igaragaza gukoranaho kw'imibiri bishobora gutera umuntu gushaka gukora imibonano mpuzabitsina, cyangwa kwereka umwana cyangwa urubyiruko amashusho y'urukozasoni. Uburyo bwose bwo guhoza undi ku nkeke bifitanye isano n'imibonano mpuzabitsina n'ihohotera rishingiye ku gitsina, harimo gusambana hagati y'abafitanye isano, gushyingirwa imburagihe no gushyingirwa ku gahato, gusambana ku gahato, gukomeretsa igitsina cy'abagore cyangwa kubakata ibice by'imibiri n'ubucakara bushyingiye gitsina ni ubugizi bwa nabi bushingiye ku gitsina. Gukoresha imvugo zumvikanamo ubusambanyi, gusetsa bishingiye ku busambanyi, gusebya cyangwa gukubaganira umubiri w'umwana cyangwa uw'urubyiruko cyangwa kuganisha ku busambanyi cyangwa

gutumira, gusaba cyangwa kumubwira amagambo aganisha ku mibonano mpuzabitsina birabujijwe cyane kimwe n'imyitwarire iganisha ku mibonano mpuzabitsina igamije gukurura ibyiyumvo, kwishimisha, inyungu n'inyungu bwite z'Umufatanyabikorwa wa Women Deliver uri mu mwanya wo kugirirwa icyizere cyangwa ubutware uwo mwana cyangwa urubyiruko yishingikirijeho.

- **Abana:** Umuntu wese uri munsi y'imyaka 18 nk'uko bisobanurwa mu Masezerano Mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye Uburenganzira bw'Umwana. Ibisobanuro by'umwana ku bw'iyi Politiki ntibigomba kwitiranywa n'ibisobanuro byemewe n'amategeko by'umwana cyangwa imyaka ntarengwa yatanzwe mu yandi mategeko arebana n'iki kibazo. Kuba umuntu ukiri muto uri munsi y'imyaka 18 ashobora kuba ageze mu gihe cyo kwemererwa gukora imibonano mpuzabitsina, igihe cyo gutora, cyangwa ikindi gihe gikomeye gifitanye isano n'imyaka ye, nta cyo bihindura ku ntege nke ze nk'umwana.
- **Gukoreshwa mu nyungu z'undi:** Imimerere iyo ari yo yose aho umugizi wa nabi cyangwa akoresha nabi imbaraga na/cyangwa ubushobozi mu by'ubukungu arusha umwana cyangwa

[2] "AGIP Virtual Spaces Safeguarding Kit For Girl And Youth Leaders," Adolescent Girls Investment Plan, Plan International, and Girls Not Brides. 2021.

urubyiruko kugira ngo amuboneho inyungu, amukorere akazi, agire kwishimisha mu by'imibonano mpuzabitsina, cyangwa ubundi buryo bumugirira akamaro we ku giti cye cyangwa mu by'amafaranga.

- **Kwangiza:** Ingaruka mbi ku buzima bw'umwana cyangwa bw'urubyiruko haba ku mubiri, mu mutwe cyangwa mu byiyumvo. Kwangiza bishobora guterwa n'ubugizi bwa nabi, kwirengangizwa cyangwa gukoreshwa mu nyungu z'undi, byaba byateguwe cyangwa bitateguwe, kandi bishobora nanone guterwa n'uko umwana cyangwa urubyiruko yabyikoreye we ubwe("kwigirira nabi").[3]
- **Kwirengagiza:** Kudakomeza guha umwana cyangwa urubyiruko ibyo akeneye by'ibanze ku mubiri no/cyangwa mu mitekerereze, bigatuma umwana cyangwa urubyiruko agerwaho n'ingaruka mbi cyangwa zishobora kumugirira nabi, haba ku buzima bwe, ku mibereho ye, ku mikurire ye cyangwa ku gaciro ke. Bikubiyemo gukora mu buryo budashoboye kurinda umwana cyangwa urubyiruko akaga cyangwa bishobora gushyira umwana cyangwa urubyiruko mu kaga ko gukoreshwa mu nyungu z'undi cyangwa guhohoterwa.
- **Abafatanyabikorwa ba Women Deliver:** basobanurwa nk'abakozi ba Women Deliver (b'igihe cyose cyangwa ab'igihe gito) n'abandi bantu bose bagira uruhare mu bikorwa bya Women Deliver, harimo abimenyereza umwuga, abajyanama, abahawe amasezerano, ababakorera, abakorerabushake, abafatanyabikorwa, abaterankunga, abashakashatsi, itangazamakuru, abagize Inama Nyobozi n'abayobozi, abitabiriye Porogaramu y'Abayobozi Bakiri Bato Abahoze muri Porogaramu y'Abayobozi Bakiri Bato, n'urundi rubyiruko rwitabiriye ibikorwa bya Women Deliver.
- **Urubyiruko:** Umuntu uwo ari we wese ufite hagati y'imyaka 18-29.

**Gusuzuma Politiki**

Women Deliver izasuzuma kandi ivugurure iyi Politiki nibura rimwe mu myaka itatu, cyangwa kenshi mu gihe habayeho impinduka zikomeye mu miterere, ikoranabuhanga cyangwa urwego rw'ibikorwa bya Women Deliver, kugira ngo bihuze n'iterambere ry'amategeko, imikorere na porogaramu.

[3]Icyitonderwa: mu gihe hatanzwe raporo cyangwa hagaragajwe ko umwana cyangwa urubyiruko ari kwigirira nabi, bazajya boherezwa mu nzego zibishinzwe kugira ngo bahabwe ubufasha, kandi ntibazahanwa kubera icyo gikorwa.